Iteganyagihe ry'imvura yo mu Kwezi kwa Gicurasi 2020

Mu kwezi kwa Gicurasi 2020 hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 250 mu gihugu. Mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Musanze, Burera n'igice cy'akarere ka Gakenke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 201 na 250, mu turere dusigaye tw'Intara y'Iburengerazuba, Intara y'Amajyaruguru, no mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Gasabo, Nyamagabe n'igice cya Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 151 na 200, mu gihe mu turere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera, Gisagara, igice cya Nyanza (Amayaga) hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 100, ahasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 101 na 150. Ushaka kumenya neza imvura iteganyijwe buri hantu wakwifashisha ikarita y'iteganyagihe rya Gicurasi 2020.

Ahateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 n' 150, iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa muri Gicurasi naho ahateganyijwe imvura iri hejuru ya milimetero 150, izaba iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa muri Gicurasi. Ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa muri Gicurasi iri hagati ya mm 50 na 180 bitewe n'ahantu.

Imvura hafi ya yose iteganyijwe kugwa mu gice cya mbere n'icya kabiri cya Gicurasi (hagati y'itariki ya 1 n'iya 20) ariko cyane cyane mu gice cya mbere (hagati y'itariki ya mbere n'iya 10). Biteganyijwe ko imvura izagabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi (hagati ya tariki ya 21 na 31) ari naho hateganyijwe kurangira/gucika kw'imvura y'igihembwe cy'Itumba mu Ntara y'Iburasirazuba, Intara y'Amajyepfo no mu Mujyi wa Kigali mu gihe mu Ntara y'Amajyaruguru n'Iburengerazuba iteganyijwe gucika mu gice cya mbere cya Kamena 2020 (hagati y'itariki ya 1 n'iya 10).

Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku isangano ry'imiyaga (ITCZ) ihurira mu karere u Rwanda ruherereyemo, ariko ikaba iri kwerekeza mu gice cya ruguru cy'Isi.


Iteganyagihe ry'Imvura ya Gicurasi 2020
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Imvura (mm)
50 - 100
101 - 150
151 - 200
201 - 250
Ikiyaga cya Kivu
Imbibi z'uturere
0
20
40
80
120
160
Km